REPUBULIKA Y'U RWANDA

Intara y'Amajyepfo

Akarere ka Gisagara

# IMBANZABIGWI N°78

## Igihembwe cya kabiri 2019-2020

IKINYAMAKURU CY'AKARERE KA GISAGARA - GISOHOKA RIMWE MU GIHEMBWE





Gymnase Gisagara





GISAGARA : AGAKIRIRO KA RWANZA - SAVE



Guest House Gisagara

**RUSWA NI IMUNGU, ISENYA UBUYOBOZI N'UBUKUNGU: AMAGANA RUSWA, WITANGA RUSWA KUKO SERIVISI NI UBURENGANZIRA BWAWE. NTUBYIHERERANE: HAMAGARA No ITISHYURA 4058 CYANGWA 0788612293/ 0783572619**

IMBANZABIGWI, DUKORANE UMURAVA DUTERE IMBERE

Ikinyamakuru cyanyu IMBANZABIGWI cyarahababereye, kirabagezaho amakuru anyuranye y'ibibera mu Karere ndetse no hanze yako.

# IJAMBO RY'IBANZE



Kugira ngo Akarere kacu gatere imbere ndetse n'igihugu cyacu, umuturage agomba kugira imibereho myiza kuko ubuyobozi bwiza ni ubushingiye ku muturage. Ibyo bizagaragazwa n'uko atuye heza kandi neza, isuku ku mubiri, ku myambaro no mu rugo rwe muri rusange, abana be bameze neza, batarwaye bwaki kandi bitabira kujya mu ishuri, kuba afite ubwisungane mu kwivuza kandi akorana n'ibigo by'imari, kuba afite itungo ariko atararana naryo mu nzu, n'ibindi byiza byinshi.

Ni yo mpamvu dukomeje urugamba rwo kuvanaho ikintu cyose cyabangamira imibereho myiza y'abaturage (Human Security Issues). Ndasaba abayobozi ku nzego zose kubyitaho, bagakora ibishoboka byose bakarangiza ibintu byose byabangamira imibereho myiza y'abaturage baacu. Abaturage nabo ndabasaba gukanguka rwose, babigire ibyabo. Bagomba kwita kw'isuku aho batuye, mu ngo zabo, ku myambaro no ku mubiri, ku bana babo n'ibikoresho byo mu rugo. Nta muturage ukwiye kuba adafite ubwiherero bwiza busakaye kandi bukinze.

Ndasaba by'umwihariko ababyeyi bose kohereza abana mu ishuri kuko ni bo Rwanda rw'ejo n'abayobozi b'ejo. Uburere n'uburezi ni wo murage n'umunani waha umwana mu gihe umwana utarize aba ari umuzigo ku muryango no ku gihugu. Umwana agomba gutangira ishuri akiri muto (imyaka 3) kugira ngo uburere n'ubumenyi bizamukane hakiri kare bityo umwana akazashobora kwiteza imbere no guteza imbere igihugu.

**IBIKUBIYEMO**


Ijambo ry'ibanze....2
Guverineri w'Intara y'Amajyepfo CG Emmanuel K. GASANA yasuye bimwe mu bikorwa by'iterambere by'Akarere....3
Uburezi bugomba kwitabwaho by'umwihariko....4-5
Komite y'igihugu y'abafite ubumuga mu Ntara y'Amajyepfo yasuye koperative KODIAUKA ....6
Umukuru w'umudugudu ntangarugero wa Kaburanjwiri yamurikiye Guverineri aho umudugudu ugeze wiyubaka ....6-7
Gahunda ya Guverinoma y'imyaka 7 (2017-2024) (National Strategy for transformation, NST 1)....7-16
JADF Gisagara ntishaka kongera kumva Akarere kabo mu myanya ya nyuma ....17
Agakiriro ka Rwanza kateje imbere urubyiruko ....18-19
Abakunzi b'umupira w'amaguru bishimiye ko babonye ikibuga gishya kandi cyiza....20

# GUVERINERI W'INTARA Y'AMAJYEPFO CG EMMANUEL K. GASANA, YASUYE BIMWE MU BIKORWA BY'ITERAMBERE BY'AKARERE



Uruganda rucukura nyiramugengeri rwubakwa i Mamba



Guverineri atanga inama zo kunoza kurushaho ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga

Kuri uyu wa kabiri 06 Ugushyingo 2018 Guverineri w'Intara y'Amajyepfo CG Emmanuel K. Gasana, ari kumwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Intara n'Umuyobozi w'Ingabo mu Turere twa Gisagara, Huye, Nyaruguru na Nyamagabe yasuye bimwe mu bikorwa by'iterambere by'Akarere ka Gisagara. Ni urugendo arimo gukorera mu Turere twose rugamije kumenya uko Uturere tumeze kuko ari mushya ku buyobozi bw'Intara y'Amajyepfo kuva ku itariki 18 Ukwakira 2018.

Muri urwo rugendo, basuye ibikorwa by'iterambere bikurikira:

- Basuye uruganda rutunganya umusaruro w'ibitoki rukavanamo urwagwa n'umutobe rwa Gisagara Agribusiness Industry GABI Ltd rwubatse mu Murenge wa Kibilizi.

Yararushimye, atanga inama ko bakurura abashoramari bakongera ubushobozi bw'uruganda bityo isoko rikaguka, ndetse ibikorwa byarwo bikagera no mu mahanga.

- Basuye isoko rya Musha, dore ko uwo munsi ryari ryaremye, bashima uburyo ryitabirwa kandi ugasanga harimo ibicuruzwa byinshi. Yatanze inama ko ryakubakwa neza kandi rikagurwa.

- Basuye uruganda rwa nyiramugengeri Hakan Pit Power Plant rwubakwa mu Murenge wa Mamba

Inyubako zigeze ku kigero cyiza kandi gucukura nyiramugengeri birakorwa ku buryo ibigo bikomeye nka CIMERWA biza kuyigura.

Urwo ruganda ruzatanga amashanyarazi ya 80MW, ni ukuvuga 1/2 cy'amashanyarazi u Rwanda rwose rufite ubu.

Guverineri yashimishijwe n'uburyo rutanga akazi ku baturage ndetse n'iterambere ryatangiye kugaragara muri ako gace ruherereyemo.

- Yasuye kandi uruganda rutunganya umuceri rwa Gikonko: Gikonko Rice Factory

Yasanze ari uruganda rufite ubushobozi kandi rufite isoko ryagutse, abagira inama yo gukorana cyane n'abahinzi bakongera umusaruro.

Nyuma yo gusura ibikorwa by'iterambere, yasuye Inteko y'Abaturage mu Murenge wa Gikonko, afatanya n'abaturage n'abandi bayobozi gukemura ibibazo by'abaturage.

Mu by'ukuri nta bibazo biremereye bihari usibye iby'abaturage bifitiye mu ngo zabo ariko nabyo biri ku rwego rwo gukemukira ku Kagari n'Umurenge.

Ikibazo abaturage bamusabyeho ubuvugizi n'icy'itumanaho kuko hari uduce tumwe na tumwe itumanaho rya terefoni ritagera kubera iminara mike. Yabijeje ko agiye kuvugana n'ababikora kigakemuka.

**Munyentwali Cyprien**



Uruganda rutunganya umusaruro w'ibitoki mo urwangwa (GABI Ltd)



Umudugudu wubatswe n'umushinga wa nyiramugengeri

## UBUREZI BUGOMBA KWITABWAHO BY'UMWIHARIKO





Kuri uyu wa 10 Mutarama 2019, Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Uburezi Isaac Munyakazi yagiranye inama nyunguranabitekerezo n'abagize inama y'uburezi yaguye y'Akarere ka Gisagara ku ihame ry'uburezi.

Inama yitabiriwe n'abayobozi n'abakozi batandukanye barimo:

- Umuyobozi mukuru w'ikigo cy'igihugu gishinzwe uburezi (D.G REB)
- Umuyobozi w'Akarere ari kumwe n'umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe imibereho myiza y'abaturage
- Umuyobozi w'Ingabo mu Turere twa Gisagara, Huye na Nyamagabe, Col Rugazora
- Padiri ushinzwe amashuri ya Kiliziya Gatorika muri Diyosezi ya Butare (Guillaume)
- Abayobozi b'Ingabo na Police mu Karere
- Bamwe mu bakozi b'ikigo cy'igihugu gishinzwe uburezi (REB)

Yitabiriwe kandi na:

- Abakozi b'Akarere bashinzwe uburezi
- Abayobozi b'ibigo by'amashuri abanza n'ayisumbuye bose mu Karere
- Abakozi bashinzwe uburezi mu Mirenge
- Abahagarariye ababyeyi mu bigo by'amashuri abanza
- Abafite ibigo by'amashuri byigenga n'ibyigenga bifashwa na leta

Mu gutangiza inama, Minisitiri yagaragaje ko ari amahirwe kuba Gisagara yakiriye iyi nama mbere gato y'uko amashuri atangira.

Yabanje gutanga icyerekezo cy'inama:

Nk'uko Nyakubahwa Perezida wa Repubulika yabitanzemo amabwiriza, uburezi bugomba kwitabwaaho mu buryo budasanzwe kandi n'inzego zose, kuva ku bayobozi bakuru b'Igihugu kugera ku mubyeyi n'umwana, inzego z'umutekano, abafatanyabikorwa, abikorera, n'abandi bantu bose bakabigiramo uruhare.

*As directed by H.E, Education needs special attention at all levels from higher authorities to parents and children, security organs, partners, civil societies as well.*

Nyuma yo kugaragarizwa uko uburezi bwifashe mu Karere n'ibibazo buhura nabyo, no kugaragarizwa ibyavuye mu igenzura ry'uburezi ryakozwe na REB, habaye kungurana ibitekerezo.

**Imwe mu myanzuro yafashwe kugira ngo ihame ry'uburezi rigerweho:**

- Kugira gahunda (Plan) mbere ya byose: Buri murezi azajya ajya mu ishuri afite gahunda y'amasomo ashinzwe ku buryo abana nibaza ku ishuri basange ikigo bajemo gitandukanye n'icyo basize.
- Bitarenze ibyumweru 2 amashuri atangiye, habeho inama y'ababyeyi ibamenyesha ko dutangiye kwigisha mu buryo budasanzwe. Bamenye ko ibyashize si byo turimo ubu.
- Uruhare rw'ababyeyi n'abana: Muganirize abana n'ababyeyi mubabwire ko hakenewe impinduka kandi hafatwe ingamba z'impinduka (We want change in the school).
  Inzego zose zikurikirane ko izo nama zabayeho.
- Abana bagere mu mashuri ku gihe, kandi umunsi wa mbere ube uw'amasomo.

**Ikibazo cy'isuku mu mashuri:** yasabye ababyeyi kwita ku bana, bakagira isuku ku mubiri no ku myambaro. Abana batozwe kugira isuku, umwanda ube kirazira.

**Ikibazo cyo kurwanya guta ishuri no gusibira:**

- Minisitiri yasabye abayobozi ku nzego zose, n'inzego z'umutekano by'umwihariko kwegera cyane amashuri, bakabasura, aho bibaye ngombwa abayobozi b'ibigo by'amashuri bagahamagarwa muri JOC kwisobanura, ariko ibyo dukwiye kuramira, tubiramire bigishoboka.

**Ingamba zafashwe:**

* Gukurikiranira hafi abarezi: abarezi bategure kandi bakurikiranwe mu nyigisho n'imyihishirize.
* Gukurikirana imitangire y'amasomo : muve mu biro mwinjire no mu mashuri kureba uko abana biga. Ibyo bizavanaho ikibazo cyo gusibiza abana no guta ishuri.
* Abayobozi ku nzego zose binjire mu mashuri barebe imyigire n'imigishirize y'abana.
* Gukurikirana ubushobozi n'impano by'umwana hakiri kare.
* Hashyirweho gahunda y'isuzumabushobozi (Performance based evaluation): abayobozi bahigire ko abana bose batsinda kandi bafate ingamba zo kubigeraho, ntube umuhigo wijyana.
* Abana basibira, abana bata ishuri bakorerwe flash report, bivugwe mu nama zose no mu nteko z'abaturage, dukurikirane abarezi basibiza n'ababyeyi bafite abana bata ishuri.
* Abakozi bashinzwe uburezi mu Mirenge bashyireho gahunda yo guhura n'abayobozi b'ibigo by'amashuri.
* Habeho ubufatanye bugamije kwigiranaho (peer review peer learning).
* Hashyirweho ifishi ngenderwaho buri muyobozi w'ikigo yuzuza buri munsi igaragaza uko ikigo gihagaze. Umunsi ukurikiyeho, bitarenze saa tatu za mu gitondo ibe yageze k'umukozi ushinzwe uburezi ku karere (DDO), abishyikirize Umuyobozi w'Akarere nawe abivugeho muri JOC, no ku murenge muri JOC babivugeho kuko uburezi ubu ni inshingano nyamukuru twahawe na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika.

**Muri rusange:**

Umwanya ugomba guhabwa uburezi urasaba ko dukora mu buryo budasanzwe, aho bibaye ngombwa hagakorwa ubutabazi bwihuse (quick intervention) ariko ireme ry'uburezi rikagerwaho kugira ngo tube dufite abanyarwanda bafite ubushobozi bwo guhindura u Rwanda no guhangana n'amahanga kw'isoko ry'umurimo n'iterambere.

Minisitiri yiyamye abayobozi b'ibigo bazamura amafaranga y'ishuri uko bishakiye, hamwe na hamwe ugasanga babyitirira inama z'ababyeyi kandi zitabaye cyangwa zabihaswe.

**Munyentwali Cyprien**

REPUBULIKA Y'U RWANDA N°0064/12.00/2019

MINISITERI Y'UBUREZI
P.O. BOX 622 KIGALI

**ITANGAZO RIBUZA IZAMURWA RY'AMAFARANGA AMASHURI YAKA ABABYEYI**

Muri iki gihe k'itangira ry'amashuri, Minisiteri y'Uburezi itewe impungenge n'izamurwa rya hato na hato ry'amafaranga amashuri yaka ababyeyi bitabanje kwemezwa n'Inama Rusange y'ababyeyi n'ishuri ndetse ngo binemezwe n'Ubuyobozi bw'Akarere iryo shuri riherereyemo. **Iyi mikorere mibi ibangamiye Politiki y'Igihugu y'Uburezi kuri bose, by'umwihariko ku bana baturuka mu miryango ikennye.**

Minisiteri y'Uburenzi iramenyesha amashuri yose (aya Leta, n'afashwa na Leta ku bw'amasezerano, yaba acumbikira abanyeshuri cyangwa aho abanyeshuri biga bataha), ababyeyi ndetse n'abandi bafatanyabikorwa bose, ko **nta shuri na rimwe ryemerewe kuzamura amafaranga yakwa ababyeyi muri uyu mwaka w'amashuri wa 2019**.

Bitanyuranije n'uburyo byakorwaga, amashuri ashaka kuzamura amafaranga yakwa ababyeyi, azajya abanza gutanga raporo y'ubugenzuzi bw'imari (**Audit Report**) ku mikoreshereze y'amafaranga yatswe ababyeyi ndetse n'ayatanzwe na Leta (Capitation Grant, School Feeding and Staff Salary funds) mu mwaka w'amashuri ubanziriza uwo Ibigo byifuza kongera ayo mafaranga. Iyo raporo izajya ishyikirizwa Akarere ishuri riherereyemo, Minisiteri y'Uburezi igenerwe kopi. Ubuyobozi bw'Amashuri buzarenga kuri aya mambwiriza buzafatirwa ibihano.

Bikorewe i Kigali, ku wa 09 Mutarama, 2019.

**Dr. MUTIMURA Eugene**
Minisitiri w'Uburezi

## KOMITE Y'INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAFITE UBUMUGA KU RWEGO RW'INTARA Y'AMAJYEPFO (NCPD) YASUYE KOPERATIVE KODIAUKA




Kuwa 25 Werurwe 2019 itsinda ry'abagize Komite y'inama y'Igihugu y'abafite ubumuga ku rwego rw'Intara y'Amajyepfo (NCPD) basuye koperative y'abafite ubumuga yitwa KODIAUKA ikorera mu Murenge wa Kansi, ikora ibikapu n'inkoko mu migozi ya Palasitiki.

Itsindda ryari rigizwe na:

1. MUKAKARANGWA Consoles (Vice Coordinator)
2. MAYIRA Gerard (ushinzwe Economy)
3. MUTUYIMBONI Bonyde ( ushinzwe imiyoborere myiza)

Uruzinduko rwari rugamije kureba uburyo abafite ubumuga biteza imbere binyuze muri Koperative.



Abashyitsi basuye ibikorwa by'iyo Koperative, bayishimira ibyo bakora, babagira inama no gukoresha neza inkunga bahabwa na Leta bakarushaho kwiteza imbere.

Murakoze

## UMUKURU W'UMUDUGUDU NTANGARUGERO WA KABURANJWIRI YAMURIKIYE GUVERINERI AHO UMUDUGUDU UGEZE WIYUBAKA



Umuyobozi w'Umudugudu ntangarugero wa Kaburanjwiri mu Kagari k'Umunini mu Murenge wa Kansi yakiriye Guverineri w'Intara y'Amajyepfo, amugaragariza ibyiza by'umudugudu ntangarugero abereye umuyobozi n'aho bageze biyubaka maze Guverineri aramushima cyane.

Kuri uyu wa kabiri 07/05/2019 Guverineri w'Intara y'Amajyepfo Emmanuel Gasana yasuye abaturage b'Umurenge wa Kansi, Akagari k'Umunini.

Yakiriwe n'Umuyobozi w'Akarere ari kumwe n'umuyobozi wa Police (DPC) n'uhagarariye umuyobozi w'ingabo mu Karere ka Gisagara n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge ndetse n'abaturage benshi cyane.

Guverineri yabanje gusura umudugudu ntangarugero wa Kaburanjwiri uri muri ako Kagari, yakirwa n'umukuru w'Umudugudu Nteziryayo Samuel, amutambagiza umudugu wose, amugaragariza intambwe bateye bishakamo ibisubizo by'iterambere n'imibereho myiza.

Guverineri yanejejwe cyane n'uburyo umudugudu ukeye, ufite isuku, ukasemo imihanda, wujuje ibisabwa byo kuba ntangarugero koko, ariko cyane cyane uburyo umuyobozi n'abaturage bawo bifitiye icyizere n'icyerekezo.

Nyuma yo kwakirwa n'abaturage b'uwo mudugudu no kumurikirwa ibyiza bagezeho, Guverineri nawe yagaragaje ibyishimo bye, abemerera amashanyarazi aturuka ku mirasire y'izuba mu gihe amashanyarazi asanzwe atarabageraho, abasezeranya ko azagaruka kandi azanye n'abandi bashyitsi, abasaba gukomerezaho ntibasubire inyuma kugira ngo bazashobore kwegukana igihembo giteganyirijwe isuzuma ry'imidugudu ntagarugero.

Yabagiriye inama yo kuvugurura urutoki bahinga kugira ngo barusheho kongera umusaruro bityo batere imbere kurushaho,



asaba Umuyobozi w'Akarere kubibafashamo bakabona imbuto n'ubumenyi.

Nyuma Guverineri yakomeje ku biro by'Akagari k'Umunini, agirana ikiganiro n'abaturage bari bamutegererejeyo ari benshi cyane, anakira ibibazo n'ibyifuzo byabo, dore ko wari umunsi w'inteko rusange y'abaturage.

Muri rusange nta bibazo bikomeye byahagaragaye kuko abafataga ijambo bose bashimaga bavuga intambwe bateye yo kwivana mu bukene no kwigira, abandi bagasaba ibikorwa by'iterambere rusange nk'iteme rihuza Utugari, kugezwaho, amashanyarazi, amazi meza n'ibindi.

Guverineri yashoje ashima cyane abaturage ba Kansi n'Akagari k'Umunini by'umwihariko, abagira inama agira ati: "Ntimugasezerane n'ubukene, ahubwo dukore cyane dusezerere ubukene".

**Munyentwali Cyprien**





## GAHUNDA YA GUVERINOMA Y'IMYAKA 7 (2017-2024) (NATIONAL STRATEGY FOR TRANSFORMATION, NST 1)

Nk'uko yatangajwe na Minisitiri w'Intebe, Nyakubahwa Dr. NGIRENTE Edouard imbere y'Inteko Ishinga Amategeko.

Kigali, kuwa 26/09/2017

- Nyakubahwa Perezida wa Sena,
- Nyakubahwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite,
- Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida b'Imitwe yombi,
- Ba Nyakubahwa Basenateri,
- Ba Nyakubahwa Badepite,

1. Nk'uko biteganywa n'Ingingo ya 119 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, Minisitiri w'Intebe afite inshingano yo gushyikiriza Inteko Ishinga Amategeko Gahunda ya Guverinoma, bitarenze iminsi mirongo itatu (30) uhereye igihe yatangiriye imirimo ye. Mu izina ry'abagize Guverinoma no mu izina ryanjye bwite, mbashimiye uyu mwanya mumpaye kugira ngo mbagezeho Gahunda ya Guverinoma y'imyaka 7, 2017-2024 (Seven Years' Government Programme: National Strategy for Transformation, NST 1).

2. Mbere yo kubagezaho iyi Gahunda, ndagira ngo twongere dushimire Nyakubahwa Paul Kagame, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda wongeye gutorwa n'Abanyarwanda kugira ngo akomeze kuyobora u Rwanda muri iyi myaka irindwi iri imbere. Icyizere Abanyarwanda twamugiriye turi benshi, gishingiye ku bikorwa byinshi bishimishije yatugejejeho mu byiciro binyuranye by'ubuzima bw'Igihugu. Ibi bikaba bidutera ishema, bikaduha n'imbaraga z'uko iyi Gahunda y'imyaka irindwi ngiye kubagezaho izashyirwa mu bikorwa neza.

3. Munyemerere nanone mushimire icyizere gikomeye yangiriye, ubwo ku itariki ya 30/08/2017 yangiraga Minisitiri w'Intebe w'u Rwanda. Nkaba musezeranya ko icyo cyizere yangiriye ari igihango gikomeye ntazigera ntatira.

- Nyakubahwa Perezida wa Sena,
- Nyakubahwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite,
- Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida b'Imitwe yombi,
- Ba Nyakubahwa Basenateri,
- Ba Nyakubahwa Badepite,

4. Iyi gahunda ya Guverinoma y'imyaka 7 (2017-2024), igamije kwihutisha iterambere rirambye, kandi rigera kuri

bose, rishingiye ku bufatanye bw'Inzego zinyuranye: iza Leta, Abikorera, Imiryango itari iya Leta, Sosiyete Sivile, Amadini n'Amatorero, ndetse n'abaturage ubwabo.

5. Mu gutegura iyi Gahunda hashingiwe kuri ibi bikurikira:

- Imigambi y'Umuryango FPR-INKOTANYI 2017-2024, ari na wo watsinze amatora ya Perezida wa Repubulika y'u Rwanda;
- Ibikorwa byihariye Nyakubahwa Paul Kagame yasezeranyije Abanyarwanda, hagati y'itariki ya 14/7/2017 n'iya 2/8/2017, ubwo yari mu bikorwa byo kwiyamamariza kongera kuba Perezida wa Repubulika y'u Rwanda;
- Imirongo migari yatanzwe na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika mu ijambo yavuze arahirira kuyobora u Rwanda kuwa 18 Kanama, 2017; n'iyo yatanze ubwo yakiraga indahiro z'abagize Guverinoma;
- Ibikorwa by'umwaka wa nyuma wa Gahunda y'Imbaturabukungu ya 2 (EDPRS 2: 2013-2018), ibiteganyijwe gukorwa mu myaka itatu isigaye ngo tugere mu Cyerekezo 2020 (Vision 2020), ndetse n'Imirongo migari y'Icyerekezo 2050 (Vision 2050);
- N'ibindi bipimo byumvikanyweho n'Imiryango mpuzamahanga itandukanye u Rwanda rurimo: Gahunda y'Intego z'Iterambere rirambye (SDGs 2030), Gahunda y'Umuryango w'Ubumwe bwa Afurika 2063 na Gahunda z'Icyerekezo 2050 cy'Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba/EAC.

**IBIKORWA BY'INGENZI BIGIZE GAHUNDA YA GUVERINOMA**

- **Nyakubahwa Perezida wa Sena,**
- **Nyakubahwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite,**
- **Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida b'Imitwe yombi,**
- **Ba Nyakubahwa Basenateri,**
- **Ba Nyakubahwa Badepite,**

6. Ibikorwa by'ingezi bigize Gahunda ya Guverinoma y'imyaka 7 (2017-2024) bikubiye mu nkingi eshatu arizo: Ubukungu, Imibereho myiza y'Abaturage n'Imiyoborere.

**MU RWEGO RW'UBUKUNGU**

**7. Intego ni ukurushaho kwihutisha iterambere ry'ubukungu bushingiye ku ishoramari ry'Abikorera, ku bumenyi no ku mutungo kamere w'Igihugu cyacu** (Economic growth and development founded on the Private Sector, knowledge and Rwanda's Natural Resources) kandi butagira uwo buheza.

Kugira ngo iyi ntego izagerweho, hazakorwa ibikorwa by'ingenzi bikurikira:

**I. Hazahangwa imirimo mishya ibyara inyungu igera nibura kuri 1.500.000.**

Muri uru rwego:

**a.** Ibyiciro by'imirimo byagaragaje ko byihutisha iterambere kandi bigatanga n'akazi ku bantu benshi, bizarushaho gutezwa imbere. Bimwe muri byo ni:

- Gutunganya ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi (Agro - processing);
- Ubuhinzi bw'indabo, imboga, n'imbuto (Horticulture);
- Inganda (Manufacturing);
- Gucukura no gutunganya amabuye y'agaciro (Value addition of minerals);
- Ubwubatsi;
- Ubukerarugendo harimo no guteza imbere gutwara abantu n'ibintu mu kirere no ku butaka;
- Serivisi zishingiye ku buhanga butandukanye (Knowledge-based services);
- Ubugeni n'ubukorikori (Creative Arts).

**b.** Urubyiruko n'abagore bazongererwa ubumenyi bwo kwihangira imirimo. Ibi bizabafasha kurushaho gukorana neza n'Ibigo by'Imari hagamijwe guteza imbere ibikorwa byabo;

**c.** Mu rwego rwo gushyira mu bikorwa Gahunda yo gufasha abataratangira akazi kwimenyereza umurimo, hazongerwa imbaraga mu gukorana n'ibigo by'Abikorera;

**d.** Hazongerwa umubare w'abize ubumenyingiro (TVET) buhuzwe n'ibikenewe ku isoko ry'umurimo;

**e.** Hazanozwa igenamigambi ryo gutegura imirimo yose yo mu rwego rw'ubukungu kandi hongerwe imbaraga mu guhuza no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya Gahunda y'Igihugu ya Kora Wigire (National Employment Programme/NEP);

**f.** Muri buri mudugudu, hazashyirwaho gahunda yo guteza imbere guhanga imirimo hashyirwaho nibura umushinga umwe w'icyitegererezo ubyara inyungu.

**II. Igikorwa cya kabiri ni ukwihutisha iterambere rirambye ry'imigi hagamijwe guteza imbere ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage.**

Muri uru rwego hazakorwa ibi bikurikira:

**8.** Hazavugururwa kandi hakurikiranywe ishyirwa mu bikorwa r**y'ibishushanyombonera by'imigi yunganira Kigali (Secondary cities) n'indi migi.** By'umwihariko, hazashyirwaho imishinga yihariye ijyanye n'umwihariko wa buri mugi kugira ngo irusheho kwihutisha iterambere ryayo.

**9.** Ku bufatanye n'Abikorera, **ibikoresho by'ubwubatsi bikorerwa mu Rwanda** *(Made in Rwanda)* bizatezwa imbere

kandi byongerwe kugira ngo ibiciro by'amazu bigabanuke. Ibi bizatuma umubare w'amazu aciritse arushaho kwiyongera.

**10.** Hazanozwa serivisi zo gutwara abantu n'ibintu mu migi no mu cyaro. Bimwe mu bizakorwa ni ukongera inzira zikoreshwa na bisi zitwarira abagenzi ku gihe kizwi (scheduled bus routes). By'umwihariko, mu Mujyi wa Kigali, hazashyirwamo inzira zihariye za bisi zitwara abantu zizaba zifite uburebure bwa Km 22. Ibi bizagabanya igihe abantu bajyaga bamara bategereje bisi.

**11.** Ibikorwaremezo bizakomeza gushyirwa ahantu hashya hateganyirijwe guturwa (new residential zones). Muri uru rwego, hazahangwa imihanda iri ku burebure bungana na Km 250 ahagenewe gutuza abantu ndetse hakorwe n'imihanda yo mu migi iri ku burebure bwa Km 288. Amatara azakomeza kugezwa ku mihanda iduhuza n'ibindi bihugu ndetse no ku mihanda minini yo mu migi.

**III. Igikorwa cya gatatu ni ugushyiraho ingamba zizafasha u Rwanda kugira umwanya mu ruhando rw'ibihugu bifite ubukungu bushingiye ku bumenyi (Knowledge-based Economy).**

Ibizakorwa muri uru rwego ni ibi bikurira:

**12.** Mu gice cy'Umujyi wa Kigali cyahariwe imirimo yihariye mu by'ubukungu/ *Kigali Special Economic Zone*, **hazashyirwaho ahantu hihariye hazafasha Abanyarwanda n'abanyamahanga bafite impano zihariye kurushaho guhanga ibishya**, *Kigali Innovation City*.

**13.** Hazashyirwaho Ikigega kigamije guteza imbere imishinga y'ikoranabuhanga no guhanga ibishya (Innovation Fund).

**14.** Urubyiruko ruzafashwa kurushaho kugira ubushobozi n'ubumenyi bwo gukoresha ikoranabuhanga.

**15.** Hazashyirwa imbaraga mu kubyaza umusaruro Ibigo by'icyitegererezo mu bumenyi, ikoranabuhanga no guhanga ibishya (Centers of Excellence). Hazashyirwaho kandi n'ibindi bigo bishya. Hazanozwa ubufatanye bugamije guteza imbere ikoreshwa ry'ubumenyi bwihariye burimo n'ubwo mu rwego bw'ubuzima, uburezi, inganda n'umutekano w'ikoranabuhanga (Cyber security).

**16.** Hazongerwa imbaraga mu guteza imbere ubushakashatsi butanga ibisubizo ku bibazo by'imibereho y'abaturage n'ubukungu bw'Igihugu. Umwihariko uzahabwa ubushakashatsi bushingiye ku ikoranabuhanga ryo guteza imbere inganda.

**IV. Igikorwa cya kane ni uguteza imbere inganda na serivisi, hagamijwe kongera ibyo twohereza mu mahanga (Goods and services) kugira ngo bizagere nibura kuri 17% buri mwaka.**

Hazakorwa ibi bikurikira:

**17. Umusaruro w'ibikomoka ku buhinzi uzarushaho kongererwa agaciro** kugira ngo twongere ingano y'ibyo u Rwanda rwohereza ku masoko mpuzamahanga:

**a.** Ikigero cy'ikawa yongerewe agaciro (Fully washed coffee) kizava kuri 54% kigere kuri 80%;

**b.** Ubuhinzi bw'icyayi buzarushaho gutezwa imbere. Hazanihutishwa kubaka inganda nshya z'icyayi mu duce cyeramo;

**c.** Ku bufatanye n'abahinzi n'Abikorera binyujijwe mu kunoza amasezerano basanzwe bagirana, inganda zitunganya ibituruka ku musaruro w'ubuhinzi zizafashwa kubona umusaruro uhagije;

**d.** Hazongerwa umusaruro w'ibikomoka ku buhinzi byoherezwa hanze *(Traditional and non-traditional export crops)*.

**18.** Ku bufatanye n'Abikorera, Gahunda yo gushyigikira ibikorerwa mu Rwanda (Made in Rwanda), izakomeza gutezwa imbere. Ibi bizatuma muri iyi myaka irindwi u Rwanda ruzigama nibura miliyoni 400 USD ku byo rwatumizaga mu mahanga.

**19. Hazubakwa inganda nshya ndetse n'izisanzwe zizongererwe ubushobozi.** Zimwe muri izi nganda ni:

- Uruganda rukora imiti;
- Uruganda rukora inzitiramibu;
- Uruganda rukora ifumbire;
- Inganda zikora ibikoresho by'ubwubatsi nk'amabati, amakaro n'ibyuma;
- N'uruganda rukora ibyo gupfunyikamo ibicuruzwa (packaging materials).

**20. Hazashyirwaho ingamba zizatuma uruhare rwa serivisi mu byo u Rwanda rwohereza hanze rwiyongera**

Bimwe mu bizakorwa:

- Ni uguteza imbere serivisi z'ikoranabuhanga ryo mu rwego rwo hejuru ryifashishwa mu rwego rw'imari; no
- Guteza imbere serivisi zikoresha iya kure zihabwa abakiriya bari mu mahanga hirya no hino (BPO-Business Process Outsourcing), serivisi zijyanye n'amategeko; iz'ubwikorezi bwo mu kirere, mu mazi, ku butaka, n'izindi.

**21. Muri iyi myaka irindwi, umusaruro ukomoka mu bukerarugendo uzikuba kabiri ugere kuri miliyoni 800 USD uvuye kuri miliyoni 404.**

Muri uru rwego hazakorwa ibi bikurikira:

**a.** Hazashyirwaho ingamba zituma u Rwanda ruba ku isonga mu bihugu ba mukerarugendo benshi bifuza gusura;

**b.** Hazongerwa imari ishorwa mu gutunganya ibikorwaremezo byorohereza ubukerarugendo birimo no gushyira mu bikorwa igishushanyombonera kigaragaza uko inkengero z'Ikiyaga cya Kivu zarushaho kubyazwa umusaruro (Kivu Belt Tourism Master Plan);

**c.** Serivisi zo kwakira abashyitsi zizarushaho gutezwa imbere kandi Abikorera bazahabwa amahugurwa azabafasha kurushaho gutanga serivisi nziza.

**22. Urwego rw'ubwikorezi bwo mu kirere buzatezwa imbere.**

Bimwe mu by'ingenzi bizakorwa ni:

**a.** Kongera umubare w'Ibihugu indege ya Rwandair igeramo ku migabane ya Afurika, Uburayi, Aziya na Amerika;

**b.** Kurangiza kubaka no gutangira gukoresha igice cya mbere cy'umushinga w'Ikibuga Mpuzamahanga cy'Indege cya Bugesera kizaba gifite ubushobozi bwo kwakira abagenzi bangana na miliyoni 1,7 ku mwaka;

**c.** Gushyiraho Ikigo cy'Icyitegererezo kizafasha mu kongera ubumenyi bukenewe mu by'indege;

**d.** Kongerera ubushobozi Ikibuga cy'Indege cya Kamembe, kwagura no gusana icya Rubavu.

**23. Hazashyirwa mu bikorwa imishinga itandukanye igamije gukomeza kugabanya ikiguzi cyo gukora ubucuruzi (cost of doing business) no kubuteza imbere.**

Imishinga y'ingenzi izakorwa ni iyi ikurikira:

**a.** Hazakorwa imihanda ya kaburimbo ihuza Uturere ireshya na km 800 mu Gihugu cyose harimo:

- Ngoma-Bugesera - Nyanza;
- Base-Kirambo - Butaro-Cyanika;
- Base - Gicumbi-Rukomo - Nyagatare;
- Huye - Kibeho - Munini;
- Kagitumba - Kayonza – Rusumo;
- Kigali - Kicukiro-Ikibuga Mpuzamahanga cy'Indege cya Bugesera;
- Umuhanda mugari uzengurutse Umujyi wa Kigali (Kigali Ring road).

**b.** Mu rwego rwo gufasha abaturage kugeza umusaruro ku isoko, hazubakwa hanasanwe imihanda y'imihahirano (feeder roads) ireshya na km 3.000;

**c.** Hazubakwa imihanda mishya ya kaburimbo ireshya na km 350 mu Mujyi wa Kigali, imigi iwunganira n'indi migi mito;

**d.** Gahunda yo guhuza u Rwanda n'Ibihugu byo mu Karere hakoreshejwe imihanda, gariyamoshi izakomeza gushyirwamo imbaraga;

**e.** Mu rwego rwo kurushaho guteza imbere ubwikorezi mpuzamahanga no gufasha ababukora kurushaho kubunoza, ku bufatanye n'Abikorera, umushinga wo kubaka Icyambu kidakora ku mazi cya Kigali uzarangizwa kandi icyambu gitangire gukoreshwa (Kigali Logistics Platform);

f. Mu rwego rwo guteza imbere ubucuruzi n'ibihugu duturanye, hazongerwa amasoko ya kijyambere ku mipaka ihuza u Rwanda n'ibyo bihugu (Cross boarder markets). Ku nkengero z'Ikiyaga cya Kivu hazubakwa ibyambu bine aribyo: Rusizi, Nyamasheke, Karongi na Rubavu;

**g.** Hazashyirwaho ahantu hazafasha abacuruzi b'Abanyarwanda gukora ubucuruzi mpuzamahanga (Foreign Multi-Services Centers);

**h.** Mu Ntara zose hazubakwamo hanatezwe imbere ahantu hihariye mu by'ubukungu. Igice cy'Umujyi wa Kigali cyahariwe imirimo yihariye mu by'ubukungu (Kigali Special Economic Zone) kizagurwa ku buryo muri 2024 kizaba gifite ubushobozi bwo kwakira amasosiyete y'Abikorera agera kuri 350.

**i.** Hazongerwa amashanyarazi ndetse n'imiyoboro iyakwirakwiza mu Gihugu (Transmission lines). Umwihariko uzashyirwa ku miyoboro igana ahari inganda, udukiriro, amasoko, n'ahandi hari ibikorwaremezo bihurirwaho n'abantu benshi nk'amashuri n'amavuriro;

**j.** Hazongerwa ubushobozi, hanavugururwe Ikigega kigenewe gufasha abohereza ibicuruzwa hanze (Export Growth Fund).

**24. Mu kurushaho guteza imbere urwego rwa mine na kariyeri,** hazakomeza gukorwa ubushakashatsi n'ibikorwa bigamije kugaragaza ingano n'ubwiza by'umutungo kamere w'Igihugu cyacu. Intego ni uko muri 2024 tuzaba dufite ubushobozi bwo kohereza mu mahanga amabuye y'agaciro n'ibiyakomokaho bifite agaciro ka miliyari 1,5 USD bivuye kuri miliyoni 200 USD turiho muri iki gihe.

**25. Amabuye y'agaciro azarushaho gutunganywa no kongererwa agaciro hagendewe ku bikenewe ku isoko ryo mu gihugu n'iryo hanze.** Abikorera bazakomeza gushishikarizwa gushora imari yabo mu gucukura no gutunganya amabuye y'agaciro. Abasanzwe bakora ubucukuzi bwa gakondo bazahabwa ubushobozi binyuze mu mahugurwa yo gukora ubucukuzi bugezweho.

**IV. Igikorwa cya gatanu ni ukongera igipimo cyo kuzigama no kugira u Rwanda isoko rya serivisi z'imari (Financial Services Hub) hagamijwe guteza imbere ishoramari.**

Iby'ingenzi bizakorwa ni ibi bikurikira:

**26.** U Rwanda ruzaba Ihuriro ryo gutanga serivisi z'imari (Financial Services Hub). Muri uru rwego abakora ibijyanye n'imari bazahabwa amahugurwa ku bumenyi bwihariye kandi abifuza gushora imari bazarushaho koroherezwa.

**27. Kwihutisha ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu kwishyurana,** maze ingano y'amafaranga yishyurwa hakoreshejwe ikoranabuhanga (value of payments done electronically) ikagera kuri 80% y'umusaruro mbumbe w'imbere mu Gihugu (GDP) ivuye kuri 42%.

**28. Serivisi z'imari zizarushaho kwegerezwa abaturage. Mu 2024, Abanyarwanda bose bafite imyaka y'ubukure** bazaba bashobora kuzikoresha 100% bavuye kuri 89%.

**29. Isoko ry'Imari n'Imigabane** rizarushaho gutezwa imbere.

**30. Hazashyirwa mu bikorwa gahunda yemejwe yo kwizigamira mu gihe kirekire** (Long term saving scheme). Abanyarwanda bo mu ngeri zose, cyane cyane abakora muri

*informal sector*, bazashishikarizwa kwitabira ubu bwizigamire kugira ngo bazashobore kubona ibibafasha mu masaziro (pensiyo) kugeza ubu byahabwaga gusa abakozi bakorera imishahara. Ubu buryo kandi buzafasha abizigamiye igihe kirekire kwigurira amacumbi no kwishyura amashuri y'abana; ndetse ayo mafaranga yose azigamwe afashe no kongera ishoramari mu Gihugu.

**V. Igikorwa cya 6 ni ukuzamura umusaruro w'ubuhinzi n'ubworozi mu bwinshi no mu bwiza.**

Muri uru rwego:

**31. Ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi bizarushaho kongererwa** agaciro kugira ngo birusheho gutanga umusaruro.

**32.** Ku bufatanye n'Abikorera, **ubucuruzi bw'ibikomoka ku buhinzi buzakomeza gutezwa imbere**. Hazashyirwaho ingamba zo kuzamura umusaruro, hagamijwe kuwongerera agaciro no kuwugeza ku isoko.

**33. Hazongerwa ubuso bw'ubutaka buhujwe n'ubwuhirwa:**

**a.** Ubutaka bwuhirwa buzava ku buso bungana na hegitari 48.508 zo muri uyu mwaka (2016/2017) bugere kuri hegitari 102.284 muri 2024. Umwihariko uzahabwa ubuhinzi bukorerwa mu bishanga n'ubukorerwa ku buso buto hakoreshejwe ikoranabuhanga ridahenze cyane (Small-scale irrigation).

**b.** Hazatezwa imbere imikoreshereze myiza y'uburyo bushya bwo kuhira burimo no guteza imbere amakoperative y'abahinzi n'ay'abakoresha amazi (Water Users Association).

**c.** Hazongerwa ikoreshwa ry'imashini mu mu mirimo y'ubuhinzi (Mechanised farm operations) rive kuri 25% (2017) rigere kuri 50%;

**d.** Ubuso bw'ubutaka buhingwa nyuma yo guhuzwa buzazamuka bugere kuri hegitari 980.000 buvuye kuri hegitari 635.603.

**34. Abahinga ku butaka buhujwe bazarushaho koroherezwa kubona imbuto z'indobanure** ku buryo muri 2024 bazagera nibura kuri 75% bavuye kuri 52% (2016).

**35. Ikoreshwa ry'ifumbire na ryo rizazamuka** rigere kuri kg 75 kuri hegitari imwe rivuye kuri kg 32 kuri hegitari, mu 2016/2017.

**36. Ubushakashatsi bwo mu rwego rw'ubuhinzi buzongerwamo imbaraga.** By'umwihariko, hazashakishwa ubundi bwoko bushya bw'imbuto butanga umusaruro uhagije. Ibi bizatuma izo u Rwanda rwajyaga rutumiza hanze zizajya zituburirwa imbere mu Gihugu.

**37.** Hazashyirwaho ingamba zo kongera umusaruro wa bimwe mu bihingwa byatoranyijwe ari byo: ibigori, ingano, umuceri, ibishyimbo, ibirayi, imyumbati, soya, urutoki. Izi ngamba zizatuma umusaruro wajyaga uva kuri hegitari imwe wiyongera ku buryo bugaragara.

**38.** Ku bufatanye n'Abikorera, hirya no hino mu Gihugu hazashyirwaho ahantu ho gutunganya, kongerera agaciro, no guhunika umusaruro ukomoka ku buhinzi. Hazibandwa cyane ku bihingwa byatoranyijwe aribyo ibigori, ingano, umuceri, ibirayi, ibishyimbo, imyumbati, soya, n'ubuhinzi bw'indabyo, imboga n'imbuto.

**39.** Hazashyirwaho ingamba zo korohereza ishoramari rya Leta n'iry'Abikorera ryo mu rwego rwo guhunika imyaka. Ibi bizagabanya umusaruro wajyaga utakarira mu isarura ugabanuka uve kuri 16% ugere kuri 5%.

**40.** Ibigori n'ibishyimbo bihunikwa mu bigega by'Uturere n'iby'Abikorera bizongerwa kugira ngo bibe byakwitabazwa mu gihe cy'ibura ry'umusaruro. Bizagera kuri toni 260.052 bivuye kuri toni 184.814. Ubushobozi bw'ibigega bihunika imyaka na bwo buzongerwa bugere kuri toni 350.431 buvuye kuri toni 295.495.

**41.** Hazashyirwaho gahunda zo gufasha aborozi korora kinyamwuga. Muri uru rwego, hazatezwa imbere ubushakashatsi ku matungo bugamije kongera umusaruro wayo, ubuvuzi bw'amatungo, inganda zikora ibiryo by'amatungo, no gutunganya umusaruro uva ku matungo ku buryo bwujuje ubuziranenge.

**42.** Gukomeza gahunda yatangiye yo kwegereza amazi amatungo mu Turere dukunze kwibasirwa n'amapfa no gukangurira aborozi kubika ubwatsi (forage).

**43.** Abikorera bazashishikarizwa gushora imari yabo mu kubaka amakusanyirizo y'amata no gushyira mu bikorwa imwe mu mishinga minini irimo ubworozi bw'amafi, gukora ibiribwa by'amatungo, umushinga wa Gako uzatanga inyama (Gako Beef Farm), n'inganda zitunganya impu.

**44.** Inguzanyo zitangwa ku mishinga yo mu rwego rw'ubuhinzi n'ubworozi zizongerwa zigere kuri 10,4% by'inguzanyo zose zivuye kuri 5,2%.

**45.** Hazashyirwa imbaraga mu bwishingizi ku bikorwa by'ubuhinzi n'ubworozi.

**VI. Igikorwa cya karindwi ni ugushyiraho ingamba zo gukoresha neza umutungo kamere kandi tubungabunga ibidukikije hagamijwe iterambere rirambye.**

**46.** Ku bufatanye n'Abikorera, hazakomeza kunozwa uburyo bwo gucunga amashyamba no kuyabyaza umusaruro. Intego ni uko muri 2024, Leta izaba yararangije kwegurira Abikorera icungwa ry'amwe mu mashyamba yayo ku kigero cya 80% uvuye kuri 5% tugezeho mu 2017.

**47.** Amashyamba y'abantu ku giti cyabo na yo azatezwa imbere kandi abayafite bazashishikarizwa kwibumbira mu mashyirahamwe. Hazanashyirwaho uburyo bushya bw'ubufatanye hagati ya Leta n'Abikorera mu guteza imbere urwego rw'amashyamba (Effective PPP model).

**48.** Ubuso bw'ubutaka buteyeho ibiti bungana na 30% y'ubutaka bwose buzabungwabungwa.

**49.** Umubare w'abaturage bakoresha ibicanwa bikomoka ku biti uzagabanywa ugere kuri 42% uvuye kuri 83,3%. Kugira

ngo ibi bizagerweho, abaturage bazashishikarizwa gukoresha ubundi buryo bunyuranye harimo gazi cyane mu migi, biyogazi n'ibindi (alternative sources of energy).

**50.** Hazakorwa umushinga wo gukemura ikibazo cy'amazi aturuka mu birunga n'indi migezi kugira ngo hirindwe ingaruka zitandukanye yajyaga atera abaturage, ndetse higwe n'uburyo yabyazwa umusaruro.

- **Nyakubahwa Perezida wa Sena,**
- **Nyakubahwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite,**
- **Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida b'Imitwe yombi,**
- **Ba Nyakubahwa Basenateri,**
- **Ba Nyakubahwa Badepite,**

**INKINGI YA II: IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE**

**51.** Muri uyu mwanya ndagira ngo mbagezeho ibikorwa biteganyijwe mu nkingi ya kabiri irimo ibikorwa bijyanye n' imibereho myiza y'abaturage.

**52.** Intego ni ukugira Umunyarwanda ushoboye, ufite ubumenyi, ubuzima bwiza, kandi ubayeho neza mu muryango utekanye.

**Hazibandwa ku bikorwa bitanu by'ingenzi.**

**I. Igikorwa cya mbere ni ukurushaho gufasha Abanyarwanda bari mu cyiciro cy'ubukene n'icy'ubukene bukabije gutera imbere no kwigira.**

Kugira ngo ibi bizagerweho hazakorwa ibi bikurikira:

a. **Gahunda zisanzwe zunganira abaturage bagikennye kwivana mu bukene, zizakomeza hagamijwe kubaha umusingi wo kubafasha kwifasha.**

- Mu Gihugu hose, Gahunda ya VUP izibanda ku mirimo ihabwa abakene bafite imbaraga zo gukora. Umwihariko uzashyirwa mu korohereza ibyiciro byihariye birimo cyane cyane abagore bayobora ingo bita ku bana;
- Hazavugururwa uburyo bwari busanzwe butangwamo imirimo ikorwa muri Gahunda ya VUP ikorerwe cyane mu bice by'Igihugu bikunze guhura n'ibiza cyangwa amapfa.

b. **Hazongerwa imbaraga muri Gahunda ya Girinka n'iy'Amatungo magufi n'izindi Gahunda zikorerwa ku rwego rw'Umudugudu zigamije gutuma abaturage bakennye biteza imbere.** Hazanozwa kandi imicungire yazo.

c. **Impunzi zitahuka** zizakomeza gufashwa kwinjira mu buzima busanzwe.

**II. Igikorwa cya kabiri ni ukurandura imirire mibi.**

**Hazashyirwa mu bikorwa ingamba zo gukumira no kurwanya ubwoko bwose bw'imirire mibi butera bwaki no kugwingira.**

Muri uru rwego, bimwe mu by'ingenzi bizakorwa ni ibi bikurikira:

**a.** Hazanozwa ihuzabikorwa rya Gahunda zo kurwanya imirire mibi, cyane cyane izikorerwa ku rwego rw'Umudugudu harimo no kwita ku isuku mu bana, iy'ibiribwa, n'iyo mu ngo muri rusange;

**b.** Hazakomeza gushyirwa mu bikorwa gahunda zo kwihaza mu biribwa mu buryo burambye. By'umwihariko, abana bahuye n'ibibazo bikomoka ku mirire mibi bazakomeza guhabwa ibiryo bikungahaye ku ntungamubiri. Bazakomeza kandi guhabwa amata muri Gahunda y'Inkongoro y'Umwana/One Cup of Milk Per Child;

**c.** Hazashyirwa imbaraga muri gahunda y'iminsi igihumbi yo kurwanya imirire mibi n'izo kwita ku babyeyi batwite zikorerwa ku rwego rw'Umudugudu. Hazanakorwa ubukangurambaga ku mirire myiza binyuze mu bufatanye n'amarerero n'ibigo nderabuzima.

**III. Igikorwa cya gatatu ni ugukomeza guharanira ko Abanyarwanda bagira ubuzima bwiza kandi serivisi z'ubuvuzi zikagera kuri bose.**

Hazakorwa ibi bikurikira:

**53. Ibitaro bitandukanye bizubakwa, ibindi byagurwe kandi byose bizashyirwamo ibyangombwa bikwiye.** Bimwe mu bitaro birebwa n'iyi gahunda ni ibya Ruhengeri, Munini, Byumba, Nyabikenke, Masaka, Gatunda, Gatonde na Muhororo. Imirenge 17 itari ifite ibigo nderabuzima, izabihabwa kandi hirya no hino mu Gihugu hazubakwa Poste de Santé nshya 150.

**54. Hazakomeza kunozwa ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba zo kugabanya impfu z'abana bato n'ababyeyi bapfa babyara.** Ibi bizatuma igipimo cy'umubare w'ababyeyi bapfa babyara kigabanuka kigere ku 126/100.000 kivuye kuri 210/100.000. Igipimo cy'umubare w'abana bapfa batarageza ku myaka itanu na cyo kizagabanuka kigere kuri 35/1.000 kivuye kuri 50/1.000. Ingamba zo gukingira abana bose na zo zizakomeza kwitabwaho kandi n'umubare w'abagore babyarira kwa muganga uzazamuka ugere hejuru ya 90%.

**55. Hazongerwa umubare n'ubushobozi bw'abakozi bo mu rwego rw'ubuzima barimo abaganga (general practitioners), abaganga b'inzobere (specialists), abaforomo n'ababyaza (nurses and midwives), n'abandi bakozi b'ibitaro (administrators).** Ibi bizagabanya igipimo cy'umubare w'abarwayi ku muganga umwe, kizava ku 10.055 kigere ku 7.000. Igipimo cy'umubare w'abarwayi ku muforomo umwe na cyo kizagabanuka kive ku 1.142 kigere kuri 800. Igipimo cy'umubare w'abagore ku mubyaza kizagera ku 2.500 kivuye ku bagore 4.037.

**56. Ku bufatanye n'Abikorera, hazashyirwaho Ibigo by'Ubuzima by'Icyitegererezo** bizajya bivura zimwe mu ndwara zitandura (Non Communicable Diseases) zajyaga zituma Abanyarwanda batari bake bajya kuzivuriza hanze kandi bibahenze.

**57. Hazanozwa uburyo bwo kubona amafaranga akoreshwa mu rwego rw'ubuvuzi.** Bumwe muri ubu buryo ni ukunoza

ubufatanye hagati ya Leta n'Abikorera bo mu rwego rw'ubuzima, no gushyiraho uburyo burambye bwo gutanga imisanzu y'ubwishingizi bw'ubuzima (Community Based Health Insurance).

**58. Hazatezwa imbere inganda zikora imiti n'ibikoresho byo kwa muganga** kandi hashyirwe imbaraga mu bushakashatsi bujyanye n'ubuvuzi.

**59. Hazatezwa imbere umuco wo kwirinda indwara muri rusange,** no gukumira indwara z'ibyorezo n'izitandura.

**60. Hazongerwa imbaraga mu gukumira no kurwanya ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge** mu byiciro byose by'abaturage cyane cyane mu rubyiruko.

**61. Hazongerwa imbaraga mu kwigisha ubuzima bw'imyororokere** hagamijwe guca inda zitateganyijwe n'indwara zandurira mu myanya ndangagitsina hibandwa ku rubyiruko. Abanyarwanda bazakangurirwa gahunda yo kuboneza urubyaro. Umubare w'ababukoresha uzazamuka ugere nibura kuri 60% uvuye kuri 48%.

**IV. Igikorwa cya kane cy'ingenzi ni ukwita ku burezi bufite ireme kandi bugera kuri bose.** Ibi bizatuma abana b'u Rwanda bahabwa uburezi bw'ibanze bufatika.

Hazakorwa ibi bikurikira:

**62. Hazongerwa imbaraga mu mashuri y'incuke.** Ibi bizatuma umubare wabo uzamuka ugere kuri 45% uvuye kuri 17,5%.

**63. Ireme ry'uburezi rizitabwaho mu byiciro byose by'amashuri.**

Hazakorwa ibi bikurikira:

- Ababyeyi bazashishikarizwa kurushaho kugira uruhare mu myigire myiza y'abana babo;
- Kongera umubare w'abarimu babifitiye ubushobozi;
- Kuzamura ubushobozi n'imibereho myiza ya mwarimu;
- Kuvugurura no kongera ibyumba by'amashuri no kubigezamo ibikorwaremezo bya ngombwa; no
- Kunoza ikoreshwa ry'ikonabuhanga mu mashuri no gushaka imfashanyigisho zijyanye n'igihe.

**64. Hazashyirwaho ingamba zifasha abafite ubumuga butandukanye** gutangira no gukomeza amashuri yo mu byiciro byose by'uburezi.

**65. Amashuri y'imyuga n'ubumenyingiro (TVET)** azarushaho gutezwa imbere ku buryo umubare w'abayigamo uzagera kuri 60% y'abanyeshuri bose barangije icyiciro rusange uvuye kuri 46,4%.

**66. Mu byiciro byose by'amashuri, amasomo ya siyansi, ikoranabuhanga, Engineering n'imibare (STEM) azarushaho kwitabwaho.**

Bimwe mu bizakorwa ni:

- Kumenya hakiri kare abana bafite ubuhanga bwihariye mu masomo atandukanye, cyane aya siyansi n'ikoranabuhanga, kugira ngo barusheho gufashwa guteza imbere impano zabo.
- Kongerera ubushobozi ibigo bikora ubushakashatsi bujyanye na siyansi;
- Kongera umubare w'abanyeshuri biga amasomo ya siyansi mu mashuri makuru ya Leta bakazagera kuri 80% bavuye kuri 44% bo muri 2016.

**67. Hazashyirwa ingufu mu gushyira mu bikorwa ingamba zo gushishikariza abana kudata amashuri.** Zimwe mu ngamba zizatuma ibi bigerwaho ni ugushyira muri buri Kagari Abajyanama b'uburezi no kunoza imicungire y'amashuri. Ababyeyi na bo bazakomeza gushishikarizwa kwita k'uburere bw'abana babo. Ibi bizazamura umubare w'abana barangiza ibyiciro by'amashuri atandukanye ku buryo umubare w'abimukira mu mashuri yisumbuye uzagera kuri 92,4% uvuye kuri 71,1%.

**V. Igikorwa cya gatanu kizibanda ku kuzamura imibereho y'abagize umuryango.**

Hazakorwa ibikurikira:

**68. Abanyarwanda bose (100%) bazagezwaho amashanyarazi** bavuye kuri 34,5%. Leta ifatanyije n'Abikorera izakomeza gahunda yo kongera ingufu z'amashyanyarazi no kuyakwirakwiza. Hazakoreshwa n'uburyo butandukanye burimo n'imirasire y'izuba.

**69. Abanyarwanda bose (100%) bazagezwaho amazi meza bavuye kuri 85% (2017).**

Ibi bizagerwaho:

- Hubakwa kandi hanasanwa imiyoboro y'amazi yo mu Mujyi wa Kigali, indi migi no mu cyaro;
- Hongerwa ingano y'amazi atunganywa ku munsi, akazava kuri m3 182.120 akagera kuri m3 303.120.

**70. Ibikorwa by'isuku n'isukura bizagera ku Banyarwanda bose (100%) bivuye kuri 84%.** Hazanashyirwaho uburyo buboneye bwo gutunganya imyanda mu migi itandukanye ndetse no mu cyaro.

Bimwe mu bizitabwaho ni ibi bikurikira:

a. Mu nyubako zirimo iza Leta n'iz'ubucuruzi hazubakwamo imisarani rusange;

b. Mu Mujyi wa Kigali hazashyirwaho ahantu hakusanyirizwa hakanatunganyirizwa imyanda (Kigali Centralized Sewerage System and Faecal Sludge Treatment Plant);

c. Ahantu hose hateganyirijwe kuzubakwa amazu azatuzwamo abantu benshi hazashyirwamo uburyo bwo gutwara imyanda buciriritse (Construction of Semi Centralized Sewerage Systems);

d. Mu Turere twose hazubakwa ibimoteri rusange hanashyirweho uburyo bwo gutunganya imyanda.

**71.** Ku bufatanye n'Abikorera, **umuyoboro mugari wihutisha interineti (Broadband) uzegerezwa abaturage mu Gihugu hose.** Hazihutishwa kandi ikwirakwizwa n'ikoreshwa rya 4G mu Gihugu hose n'ibikoresho byifashishwa mu gukoresha interineti (Smart devices). Ibi bizatuma umubare w'abakoresha interineti kuri telefoni zigendanwa ugera nibura kuri 47% uvuye kuri 28%.

**72. Hazakomeza Gahunda yo gutuza Abanyarwanda neza bavanwa mu tujagari no mu manegeka.** Imiryango izimurwa mu manegeka ni 10.209; naho igera ku 205.488 izoroherezwa kuva mu tujagari. Kugira ngo ibi bizashoboke, hazongerwa imbaraga mu guteza imbere gahunda yo kubaka amazu aciriritse. Hazanategurwa uburyo bwiza bwo guteza imbere imiturire yo mu byaro. Bityo umubare w'Abanyarwanda bazaba batuye ahantu habugenewe mu cyaro uzazamuka ugere kuri 80% uvuye kuri 55,8% bo mu mwaka wa 2014 (EICV4).

**73. Ikigega cyo guteza imbere iyubakwa ry'amazu aciriritse (Affordable Housing Fund)** kizatangira gukora kinongererwe ubushobozi. Ibi bizafasha Abanyarwanda gutura neza kandi mu bushobozi bwabo. By'umwihariko, iki kigega kizafasha Abikorera bazubaka amazu mashya menshi ku nguzanyo ihendutse, kandi gifashe abazagura aya mazu kubona inguzanyo z'igihe kirekire kandi ku nyungu ziciriritse.

**74. Hazatezwa imbere imyidagaduro na siporo** hagamijwe kuzamura imibereho n'ubuzima bwiza ku Banyarwanda bose. Abikorera bazashishikarizwa kugira uruhare mu kubaka no gucunga sitade zitandukanye zirimo iya Gahanga, iya Ngoma, Bugesera na Nyagatare.

**75. Hazongerwa imbaraga mu bikorwa byo gukumira no guhashya ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'irikorerwa abana.** Hazanozwa ubufatanye hagati y'Inzego za Leta, Abaturage ubwabo, Inzego z'Abikorera, Sosiyete Sivile, Amadini n'Amatorero.

**76. Hazongerwa imbaraga muri Gahunda yo kurerera abana b'imfubyi mu miryango.**

**77. Hazakomeza kunozwa ingamba zo kwitegura, kugabanya no gucunga ibiza mu nzego zose z'iterambere.** Hazibandwa ku nzego z'ubuhinzi, ibikorwaremezo, uburezi, ibidukikije n'umutungo kamere, iterambere ry'imigi, ikoranabuhanga, n'ubuzima.

- **Nyakubahwa Perezida wa Sena,**
- **Nyakubahwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite,**
- **Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida b'Imitwe yombi,**
- **Ba Nyakubahwa Basenateri,**
- **Ba Nyakubahwa Badepite,**

### INKINGI Y'IMIYOBORERE

**78.** Muri uyu mwanya, ndagira ngo mbagezeho ibikorwa by'ingenzi biteganyijwe mu **nkingi ya gatatu irimo ibikorwa by'Imiyoborere.**

**79. Intego ni ugukomeza gusigasira no kunoza ibyiza dukesha imiyoborere myiza n'ubutabera Igihugu cyacu kimaze** kwimakaza kugira ngo birusheho gushyigikira iterambere rirambye kandi rihuriweho n'Abanyarwanda bose.

Hazibandwa kuri ibi bikurikira:

**I. Igikorwa cya mbere ni ukongera imbaraga mu kwigisha indangagaciro z'umuco nyarwanda kugira ngo zikomeze kuba umusingi w'amahoro, ubumwe n'ubwiyunge.**

Muri uru rwego:

**80. Hazashyirwaho uburyo buhamye bwo kwigisha no kurinda Ikinyarwanda n'indangagaciro z'umuco nyarwanda zigishirizwa mu mashuri, mu miryango no mu matorero atandukanye.**

**81. Hazakomeza kwimakazwa ubumwe n'ubwiyunge mu Banyarwanda.**

Iby'ingenzi bizakorwa ni:

- Gushyira mu bikorwa Gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" n'iy'Abarinzi b'Igihango bizakorerwa mu Nzego z'Ibanze, bizarushaho gushyirwamo imbaraga;
- Amatsinda y'Ubumwe n'Ubwuyunge azongerwa kandi agezwe ku rwego rw'Umudugudu;
- Ibi bikorwa byose bizatuma igipimo cy'ubumwe n'ubwiyunge kizamuka kigere kuri 96% kivuye kuri 92,5%.

**82. Hazongerwa imbaraga mu guteza imbere uburinganire hagati y'abagore n'abagabo kandi Abanyarwanda bazakomeza guhabwa amahirwe angana.** Hazakomeza kandi kwimakaza umuco wo kuzamura abafite intege nke.

**II. Igikorwa cya kabiri ni uguharanira ko u Rwanda rukomeza kugira umutekano usesuye no kurinda umutekano w'Abanyarwanda n'ibyabo.**

Muri uru rwego, hazakorwa ibi bikurikira:

**83.** Hifashishijwe uruhare rw'abaturage mu kwicungira umutekano wabo, **hazanozwa kurushaho ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba zo gukumira ibyaha.** Ibi bizazamura igipimo cy'ikizere abaturage bafitiye Inzego z'umutekano, kive kuri 92,62% kigere nibura kuri 95%. Igipimo cy'uko abaturage bishimira umutekano wabo n'ibyabo na cyo kizazamuka kigere nibura kuri 98,7% kivuye kuri 86,1%.

**84. Hazongerwa imbaraga mu kubaka ubushobozi bw'inzego z'umutekano zose kugira ngo zirusheho kuzuza neza inshingano zazo.** Ingabo z'Igihugu n'izindi Nzego z'umutekano zizakomeza kugira uruhare mu bikorwa by'iterambere.

**85. Mu rwego rwo gukumira no kurwanya ibyaha byambukiranya imipaka, kurwanya icuruzwa ry'abantu n'ibiyobyabwenge n'ibyaha by'ikoranabuhanga (Cyber Crimes),** hazongerwa imbaraga mu kunoza no kwagura ubufatanye n'izindi Nzego z'umutekano zo mu Karere no bindi bihugu.

86. Inzego z'umutekano zose zizarushaho kwimakaza iyubahirizwa ry'indangagaciro z'ubudasumbwa z'umuco nyarwanda no gukunda Igihugu. Umuco wo kwigira, kwihesha agaciro no gukomeza gushyira imbere inyungu z'Abanyarwanda bizarushaho gushyigikirwa.

**II. Igikorwa cya gatatu ni ugushyira imbaraga muri Dipolomasi, Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane hagamijwe gutsura iterambere ry'u Rwanda n'iry'Afurika.**

Muri uru rwego hazakorwa ibi bikurikira:

**87. Hazashimangirwa ububanyi n'amahanga n'ubutwererane** buteza imbere ishoramari, ubukerarugendo no kwagura isoko ry'ibikorerwa mu Rwanda.

88. Hazongerwa imbaraga mu bikorwa byo **gushishikariza Abanyarwanda batuye mu mahanga ubumwe n'ubwiyunge,** kwitabira gahunda z'iterambere ry'u Rwanda, gukomeza kurushakira inshuti, no kwagura serivisi zihabwa Abanyarwanda batuye mu mahanga.

**89. Hazaharanirwa ubumwe bw'Abanyafurika n'iterambere ryabo rishingiye ku bufatanye** n'ubuhahirane biganisha ku kwigira no kugira ijambo kwa Afurika mu ruhando rw'amahanga.

**90. Hazongerwa imbaraga mu gutanga umusanzu mu guharanira amahoro n'iterambere muri Afurika no ku Isi.** By'umwihariko, hazaharanirwa ko Abanyarwanda bari mu butumwa bw'amahoro bakomeza kuba indashyikirwa.

91. Mu rwego rwo gukomeza gushyigikira ibikorwa bigamije iterambere, **hazashyirwaho uburyo bwo kumenyekanisha umwimerere nyarwanda mu kwishakamo ibisubizo** (Home Grown Solutions).

**VI. Ikindi gikorwa cy'ingenzi ni ukurushaho guha ingufu urwego rw'ubutabera no kubahiriza amategeko.** Hakaba hateganyijwe ibikorwa bikurikira:

**92. Hazanozwa ingamba zo kugabanya ibirarane by'imanza mu nkiko.**

**93. Serivisi z'ubutabera zihabwa abaturage zizarushaho kunozwa** himakazwa ikoreshwa ry'ikoranabuhanga ryifashishwa mu rwego rw'ubutabera. By'umwihariko, uburyo bwo gucunga no gukurikirana amadosiye (Integrated Electronic Case Management System) buzagezwa mu Nzego zose z'ubutabera kandi bukoreshwe neza.

**94. Hazanozwa kurushaho uburyo bwo gutanga ubufasha mu by'amategeko.** Ibi bizatuma ubutabera burushaho kugera kuri bose kandi n'ikiguzi cyabwo kirusheho guhenduka. Ni muri uru rwego serivisi z'ubujyanama mu by'amategeko (Maisons d'Accès à la Justice/MAJ) zajyaga zikorera ku rwego rw'Akarere zizajya zitangirwa no ku rwego rw'Umurenge.

**95. Mu gutegura amategeko, kuyavugurura no kuyahuza n'igihe, hazibandwa ku mwihariko w'umuco nyarwanda.** Amategeko yose azasesengurwa kugira ngo agomba kuvugururwa avugururwe kandi amategeko mpuzamahanga 50 akoreshwa mu Rwanda azahuzwa n'amasezerano mpuzamahanga u Rwanda rwasinye.

**96.** Mu rwego rwo gukemurira ibibazo mu muryango no kwimakaza imikemurire y'amakimbirane n'imanza hagamijwe gushyigikira imibanire myiza, **hazanozwa uburyo bwo gukemura ibibazo bitagombye ko habaho kwiyambaza inkiko.** Biteganyijwe ko imanza zicibwa n'Abunzi zizagera nibura kuri 94% zivuye kuri 86%. Ikindi kizakorwa ni ukuzanoza uburyo bwo gucunga no guhanahana amadosiye yo mu rwego rw'Abunzi (Abunzi Management Information System).

**97. Hazongerwa imbaraga mu gukumira no guhana ibyaha bya ruswa.** Bimwe mu by'ingenzi bizakorwa ni:

- Kongerera imbaraga Urwego rw'Umuvunyi kugira ngo rurusheho gukurikirana no guhuza ibikorwa byo kurwanya no gukumira ruswa mu Nzego zose Leta;
- Kunoza uburyo bwo kurinda umutekano w'abatanga amakuru ku batanga n'abakira ruswa;
- Abashinzwe gukurikirana amadosiye y'abakekwaho icyaha cya ruswa no kunyereza umutungo w'Igihugu bazahabwa amahugurwa yihariye azabafasha kurangiza neza akazi kabo;
- Hazongerwa imbaraga nyinshi mu kugaruza umutungo w'abahamwe n'ibyaha byo kunyereza no kwangiza umutungo wa Leta ku buryo igipimo cy'umutungo uzagaruzwa kizagera kuri 90% kivuye 44,3%. Bumwe mu buryo buzifashishwa ni ukurushaho gukoresha abahesha b'Inkiko b'umwuga.

**98. Hazongerwa imbaraga mu bikorwa byo kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside mu Banyarwanda n'ahandi hose igaragara.**

Bimwe mu bizakorwa ni:

- Kurushaho gushimangira imibanire myiza ishingiye kuri dipolomasi u Rwanda rufitanye n'Ibihugu byo mu karere n'ibindi byo hirya no hino ku Isi, cyane cyane iyerekeranye no gukumira no gukurikirana abakekwaho icyaha cy'ingengabitekerezo ya Jenoside;
- Kurushaho kubika neza no kurinda ibimenyetso birebana na Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Urugero ni nk'amadosiye y'Inkiko Gacaca azaba abitswe yose (100%) hifashishijwe ikoranabuhanga avuye kuri 77,8%.

**V. Igikorwa cya gatanu ni ugukomeza kongerera Inzego zose za Leta ubushobozi kugira ngo zirusheho gutanga serivisi nziza no gucunga neza umutungo wa Leta.**

Ibizakorwa muri uru rwego ni ibi bikurikira:

**99. Inzego zose za Leta zizimakaza imiyoborere igamije kongera umusaruro w'ibyo zikora no kongera ubushobozi bwo gutanga serivisi nziza.** Muri uru rwego, hazanozwa umuco wo guha abaturage serivisi zihuse kandi nziza.

**100. Serivisi zose (100%), zitangirwa mu Nzego za Leta zizajya zitangwa hakoreshejwe ikoranabuhanga** zivuye kuri 40% muri 2017.

**101. Hazanozwa imitegurire n'ishyirwa mu bikorwa ry'imishinga yose ya Leta hashyirwa mu bikorwa politike nshya y'ishoramari rya Leta yemejwe na Guverinoma.** Ibi bizarushaho kunoza iyi mishinga kandi bitume n'ibyo yari igamije birushaho kugerwaho neza.

**102. Hazanozwa ihuzabikorwa n'imikorere y'amatsinda atandukanye agamije iterambere ry'Igihugu n'Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu Iterambere (Joint Action Development Forum/JADF)** kugira ngo hanozwe kurushaho itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa ry'imishinga itandukanye.

**103. Inzego za Leta zizarushaho gucunga neza umutungo zishinzwe.** Ibi bizatuma umubare w'inzego zibona "clean audit report" uzamuka ugere kuri 70% uvuye kuri 32% (2015/2016). Bumwe mu buryo buzifashishwa ni ukongera umubare w'abacungamari babyize no kugeza ku nzego zose zirimo Imirenge, Ibitaro by'Uturere n'Ibigo Nderabuzima ndetse n'Amashuri, uburyo bw'ikoranabuhanga bukoreshwa mu gucunga umutungo wa Leta (Integrated Financial Management System).

**104. Uturere tuzongererwa ubushobozi bwo kongera amafaranga twinjiza** kugira ngo turusheho kubona ingengo y'imari yo gukora ibikorwa by'iterambere tuba twateguye. Muri uru rwego, ibikorwa by'iterambere byihariye bya buri Karere bizarushaho kwitabwaho. Hazavugururwa kandi amategeko agenga imisoro n'amahoro byeguriwe Inzego z'Ibanze.

**VI. Igikorwa cya gatandatu ni ukongera uruhare rw'abaturage mu kwitabira ibikorwa bigenewe kubateza imbere.**

Ibikorwa by'umwihariko bizakorwa ni ibi bikurikira:

**105. Hazubakwa kurushaho ubushobozi bw'Urwego rw'Abikorera, Itangazamakuru, Imiryango itari iya Leta, Amadini n'Amatorero.** Ibi bizatuma izi Nzego zirushaho kugira uruhare mu iterambere ry'Igihugu, kwimakaza imiyoborere myiza no guteza imbere imibereho myiza y'Abanyarwanda.

**106. Hazashyirwa ingufu mu kunoza ingamba zifasha abaturage, cyane cyane abagore n'urubyiruko, kurushaho kugira uruhare mu igenamigambi ry'ibikorwa by'ingenzi bitegurwa n'Uturere.** Bumwe mu buryo buzifashishwa ni ugushyiraho no gukoresha ikoranabuhanga ritandukanye ririmo n'imbuga nkoranyambaga kugira ngo birusheho guha abaturage urubuga rwo gutanga ibitekerezo byabo.

**107. Hazongerwa imbaraga mu guteza imbere umuco wo guharanira kwigira mu Banyarwanda, gukorera hamwe no kwishakamo ibisubizo ku bibazo bahura nabyo.** Muri uru rwego, Gahunda y'Urugerero ikurikiranwa n'Itorero ry'Igihugu izongerwamo imbaraga.

**108. Ibyiza tumaze kugeraho tubikesha kwishakamo ibisubizo no guhanga ibishya** bizakomeza gusigasirwa no kongerwa kugira ngo birusheho kugira uruhare mu iterambere ry'abaturage no kubafasha kugira imibereho myiza. Muri uru rwego, hazashyirwaho kandi hatangire gukora, Ikigo cy'Itorero ry'Igihugu cy'Icyitegererezo cyo guteza imbere umuco wo kwishakamo ibisubizo kugira ngo uzigishwe neza kandi ugirire akamaro umugabane wacu n'Isi yose muri rusange.

- **Nyakubahwa Perezida wa Sena,**
- **Nyakubahwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite,**
- **Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida b'Imitwe yombi,**
- **Ba Nyakubahwa Basenateri,**
- **Ba Nyakubahwa Badepite,**

**109.** Ibi maze kubagezaho ni bimwe mu bikorwa by'ingenzi bigize Gahunda ya Guverinoma muri iyi manda y'imyaka 7 (2017-2024). **Ishyirwa mu bikorwa ry'iyi Gahunda rizatuma dukomeza kubaka u Rwanda twifuza kandi rudukwiye.**

**110. Kugira ngo iyi Gahunda izashyirwe mu bikorwa neza, birasaba ubufatanye busesuye kandi buhoraho, hagati y'abagomba kuyishyira mu bikorwa bose.** Mboneyeho rero, gusaba Inzego zose za Leta, iz'Abikorera, Sosiyete Sivile, Amadini n'Amatorero, Abafatanyabikorwa mu Iterambere, Abanyarwanda aho bari hose, ndetse n'inshuti z'u Rwanda kuzagira uruhare rugaragara mu ishyirwa mu bikorwa ry'iyi Gahunda.

**111.** Ku ruhande rwa Guverinoma y'u Rwanda, nejejwe no kubamenyesha ko twafashe ingamba zo gukora igenamigambi rya buri mwaka ryo kuyishyira mu bikorwa n'uburyo bwo kuyikurikirana. By'umwihariko, Imihigo ikorwa n'Inzego zitandukanye ndetse n'itegurwa ry'ingengo y'imari ya Leta bizajya bishingira kuri iyi Gahunda.

**112.** Mu gusoza, mu izina rya Guverinoma y'u Rwanda, nongeye kubashimira Ba Nyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi, kubera uyu mwanya mwangeneye. By'umwihariko, Guverinoma irabashimira uruhare rwanyu ruhoraho, mu gukurikirana no gutanga inama z'uko Gahunda zitandukanye za Guverinoma zarushaho gushyirwa mu bikorwa neza. Turizera tudashidikanya ko no kuri iyi Gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi (2017-2024), maze kubagezaho ari ko bizagenda.

Murakoze,
Mugire amahoro y'Imana.

# JADF GISAGARA NTISHAKA KONGERA KUMVA AKARERE KABO MU MYANYA YA NYUMA



Urugaga rw'abafatanyabikorwa b'Akarere ka Gisagara ntibifuza kongera kumva Akarere kabo kaza mu myanya ya nyuma mu mihigo. Uwo mwanzuro bawufashe mu nama yahuje abafatanyabikorwa n'abakozi b'Akarere yabereye ku Karere kuri uyu wa 28 Werurwe 2019.

Inama yitabiriwe n'Abayobozi b'Akarere bungirije bombi , Chairperson wa JADF Gisagara, Abafatanyabikorwa n'Abayobozi b'Amashami n'abandi bakozi Ku Karere. Inama yari igamije gutegura Igenamigambi rihuriweho ry'umwaka wa 2019-2020.



Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe iterambere ry'Ubukungu yatangije inama ashimira abafatanyabikorwa umurava bakorana ibikorwa bakorera Abaturage n'imikoranire myiza n'Akarere ka Gisagara mu guteza imbere umuturage.

Haganiriwe ku ngingo zikurikira:

1. **Ishyirwa mu bikorwa rya gahunda zigamije gukuraho burundu Ibibazo bibangamiye Imibereho myiza y'Abaturage:**

Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe iterambere ry'Ubukungu yashimiye abafatanyabikorwa umusanzu wabo mu guhangana (HSI) nk'uko bari babyiyemeje mu nteko rusange ya JADF yateranye mu Kuboza 2018, ubwo bagaragarizwaga intambwe uko ikibazo kimeze.

Abitabiriye biyemeje gukomeza gushyira imbaraga mu kurandura burundu ibikiharagara, banashimira Akarere ko buri gihe kaberaka intambwe imaze kugerwaho biturutse mu mikoranire myiza.



2. **Ishyirwa mu bikorwa ry'Umuhigo 2018/2019:**

Byagarahaye ko Imihigo muri rusange nta bibazo ifite kandi ko izagerwaho nta shiti, abitabiriye biyemeza kwegera abaturage mu rwego rwo kubyaza umusaruro iyamaze kugerwaho hitabwa ku mpinduka nziza izanira abaturage.

3. **Ishyirwa mu bikorwa ry'Ibipimo by'Umudugudu Ntagarugero:**

Abitabiriye bashimye uburyo basobanuriwe neza Umudugudu Ntagarugero n'ibimaze kugerwaho kuva watangizwa, maze biyemeza gushyiramo imbaraga kugira ngo ibipimo bitaragerwaho bizarangire Ku gihe.

4. **Ibikorwa biteganyijwe mu mwaka utaha 2019/2020:**

Abitabiriye inama bamaze kugezwaho ibikorwa bigari byateganyijwe umwaka utaha 2019/2020 bakomereje ibiganiro mu matsinda atatu: Ubukungu, Imibereho myiza n'Imiyoborere myiza ( bishingiye ku bikorwa bakora) mu rwego rw'igenamigambi rihuriweho.

Chairperson wa JADF Gisagara yashoje inama ashimira abafatanyabikorwa bayitabiriye, abasaba gukomeza kwegeranya ibikorwa babona bazakora bikazashyirwa muri gahunda y'ibikorwa by'Akarere 2019/2020.

Yashimye imikoranire n'Akarere ka Gisagara yizeza Ubuyobozi ko JADF izakomeza gushyira imbaraga mu cyateza umuturage imbere cyose. Yongeye no gusaba Abafatanyabikorwa kugira umuco wo kugaragaza ibyo bakora batanga raporo kdi ku gihe.

Muri iyo nama, abafatanyabikorwa biyemeje gukora ibikorwa byose ku gihe kandi bafatanyije n'abaturage ari bo bagenerwabikorwa, ariko ntibazongere kumva Akarere kabo kavugwa mu Turere tw'inyuma mu kwesa imihigo.

**MUNYENTWARI Cyprien**

# AGAKIRIRO KA RWANZA KATEJE IMBERE URUBYIRUKO



Mu rwego rwo gufasha urubyiruko kwihangira imirimo no kwiteza imbere, Leta y'u Rwanda yashyizeho gahunda yo kubaka ibigo by'imyuga (Agakiriro) mu Turere twose. Mu Karere ka Gisagara Agakiriro kubatswe mu Murenge wa Save mu Kagari ka Rwanza. Kaje kuvugururwa karanongerwa ku buryo ubungubu kabaye inzira yo kwiteza imbere no gukira ku rubyiruko n'abandi bantu bize imyuga inyuranye.

Iyo uhingutse mu Rwanza, ukareba inyuma y'isoko ubona inzu nziza kandi nini y'igorofa ifite n'izindi ziyikikije: ako ni Agakiriro ka Rwanza. Iyo uhageze uhasanga imyuga inyuranye irimo: kudoda no kuboha imyenda itandukanye, gukora inkweto, gutera imyenda amabara, gukora amavuta n'amasabue y'amazi n'amasabune mbumbe asanzwe, gutaka no gutanaga, kubaza no gusudira n'ibindi byinshi.

Abasore n'inkumi bahakorera bahamya ko agakiriro kababereye igisubizo.

Uwingabire Jeanne ni umukobwa ukora umurimo wo kudoda imyenda mu gakiriro ka Rwanza, ahamya ko byamugiriye umumaro. Yagize ati: "Mbere nari narabuze icyo nkora, nirirwa nicaye mu rugo, rimwe na rimwe nkagira impungenge ko byazanteranya n'ababyeyi cyangwa na barumuna banjye. Ariko ubu nsigaye mfite icyo nkora n'aho nkorera, ndoda imyenda, nkagurisha ngashobora kwigurira amavuta, umwenda cyangwa icyo nkeneye cyose ntiriwe nsaba ababyeyi ahubwo nanjye nkabafasha cyane cyane iyo igihe cyo kwishyura ubwisungane mu kwivuza kigeze.

Uwimana Jean de Dieu ni umusore ukora akazi ko gusudira mu gakiriro ka Rwanza. Atangaza ko kuza mu gakiriro byamufashije cyane, akaba ubu ari umusore ufite icyerekezo.

Yagize ati: Najyaga nibaza icyo nakora n'uko nzamera simbibone. Naje kuza hano mu gakiriro banyigisha gusudira, maze kubimenya nkomeza kuhakorera. Ubu mfite aho gukorera heza kandi hazwi nta ntugunda, aho umwe yigira kuri mugenzi we, uwo ukeneyeho ubufasha umufite iruhande rwawe. None ubu nsigaye nanjye nkora mu ikofi, ubu icyo nkeneye ndakibona kandi nanatangiye ibikorwa byo kwiteza imbere ngura amatungo magufi".

Rwasibo Vital ni umugabo w'igikwerere, akora umurimo wo kubaza. Nawe ahamya ko agakiriro kamuteje imbere cyane. Twaraganiriye, tumubaza icyo abona agakiriro kamumariye, adusubiza muri aya magambo: "Mbere agakiriro kataraza wasangaga nta hantu hahamye dukorera. Washaka aho ujya ku ibaraza ry'inzu ya runaka, ejo ukajya ahandi, mu by'ukuri nta adresse. Kubona aho kubika ibikoresho cyangwa ibyo wakoze byari ikibazo gikomeye. N'uwashakaga kuduha akazi yaburaga aho adushakira kuko ntahantu hazwi twakoreraga, ndetse buri muntu yabaga ari nyamwigendaho.





Ariko kuva twakubakirwa agakiriro, byatumye aho twakoreraga hirya no hino tuza duhurira hamwe, dushyiraho koperative, tugira adresse n'aho gukorera hasobanutse, dufite aho tubika ibikoresho n'ibyo dukora. Ubu rwose dukorera ahagutse kandi n'udushaka agira aho atubariza kandi ibiciro biba byumvikanyweho ku buryo nta wica isoko ry'undi. Yewe turashimira ubuyobozi bw'Akarere kacu na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Paul Kagame.

Muri rusange, ako gakiriro ni kanini, gafite ibyumba byinshi bikorerwamo imirimo itandukanye, kakagira aho babika ibyo bakora n'aho babicururiza, kakanagira icyumba cy'inama n'aho bigishiriza imyuga ababyifuza (theories). Urubyiruka rutaragana agakiriro rurakangurirwa kutipfumbata kandi amahirwe yarabegerejwe kugira ngo biteze imbere, kandi imiryango irafunguye kuri bose mu gakiriro.

Mu rwego rwo gukomeza kwegera urubyiruko n'abandi baturage muri rusange no kwihangira imirimo ngo biteze imbere, Akarere ka Gisagara gafite gahunda yo kubaka izindi nyubako z'imyuga mu Mirenge ya Nyanza na Mugombwa.

**Munyentwali Cyprien**





**Bimwe mu bikorerwa mu Gakiriro ka Rwanza**





## ABAKUNZI B'UMUPIRA W'AMAGURU BISHIMIYE KO BABONYE IKIBUGA GISHYA KANDI CYIZA



Abakunzi b'umupira w'amaguru (football) bishimiye ko babonye ikibuga gishya kandi cyiza bazajya bakiniraho nyuma y'uko icyo bakiniragaho kera cyari cyarubatswemo inzu mpuzamikino y'Akarere. N'ubwo iyo nyubako ari nini kandi nziza, abakunzi ba ruhago y'amaguru bari bafite ikibazo cy'aho bazajya bakinira umupira w'amaguru kuko iyo nyubako yakira imikino y'umupira w'amaboko gusa.

Kuva mu mwaka wa 2014 mu Karere ka Gisagara hatangiye kubakwa inzu mpuzamikino yo ku rwego rw'Igihugu (gymnase) yakira imikino ya volleyball, basketball, sit ball, sitting volleyball na beach volley. Iyo nyubako y'akataraboneka yaruzuye kandi yakira iyo mikino yose, ikaba inafite ubushobozi bwo kwakira abafana barenga 2000 bicaye neza.

N'ubwo bimeze bityo ariko, abakunzi b'umupira w'amaguru bari bagifite ikibazo cy'aho bazongera gukinira agapira k'amaguru kuko iyo nyubako yubatswe ahari ikibuga cy'umupira w'amaguru, kuko nubwo cyari kibi ariko cyarabafashaga Icyifuzo cyabo bakigejeje ku buyobozi bw'Akarere cyo kongera kubona ikibuga bajya bakiniraho nabo, impano zabo z'umupira w'amaguru ntizizime, kandi banabone aho kwidagadurira, dore ko aho i Ndora hari urubyiruko rwinshi kubera umujyi n'ibigo by'amashuri byinshi.

Ubuyobozi bw'Akarere bwihutiye gushyira mu bikorwa icyifuzo cyabo, none ubu aho i Ndora, inyuma ya gymnase huzuye ikibuga kinini kandi cyiza, gifite ubushobozi bwo





Inzu mpuzamikino (Gymnase) y'Akarere ka Gisagara

kwakira imikino y'amakipe yo mu cyiciro cya mbere. Gifite aho abareba imikino bicara (tribune) nini, ibyatsi byiza, kandi iruhande rw'izindi nyubako z'imikino.

Akarusho ni uko aho cyubatse muri 100m hari inzu itangirwamo amafunguro n'amacumbi (guest house) nziza yakwakira abakinnyi n'abandi babyifuza, ifite amacumbi meza ndetse na piscine ku buryo iyo uhicaye akayaga k'amahumbezi gatuma uruhuka neza. N'uwari unaniwe, asubizwamo imbaraga vuba.

Ni ahantu habereye umwiherero w'amakipe, imikino iyo ari yo yose.





Guest House Gisagara